# كيفية صلاة النبي صلى الله عليه وسلم

## سماحة الشيخ عبد الله بن عبد العزيز بن باز رحمه الله

قام بترجمته إلى الكينيا رواندية

## الشيخ هكيزيمانا حسن

# UBURYO INTUMWA Y'IMANA MUHAMMADI (Imana imuhe amahoro n'imigisha) YAJYAGA ASENGA

*Cyanditswe na*

**Sheikh Abdal Aziz Abdallah ibun Baz**

Cyasobanuwe mu Kinyarwanda na

***SHEIKH HAKIZIMANA Hassan***


طبع على نفقة وصية خولة دخيل الجسار رحمها الله (دولة الكويت) بإشراف اتحاد علماء إفريقيا

***CYACAPISHIJWE KU NKUNGA NDAGANO YA KHAWLAT DAKHIIL AL JASSAR-ALLAH AMUGIRIRE IMPUHWE-(MU GIHUGU CYA KUWEIT) BIHAGARARIWE N'IHURIRO RY'ABAMENYI BA AFURIKA***

2016/1437

**KU IZINA RY'IMANA NYIR'IMPUHWE NYIR'IMBABAZI**

Ibisingizo byuzuye bikwiye Allah , Amahoro n'umugisha bisakare ku mugaragu we n'intumwa ye akaba ari Intumwa yacu Muhammadi n'ab'iwe n'abasangirangendo be.

Nyuma y'ibyo ,,,,

Iyi ni incamake igaragaza "**Uburyo Intumwa Muhammadi** (Imana imuhe amahoro n'imigisha) **yajyaga asenga .**"

Nifuje kubigeza kuri buri muyisilamu n'umuyisilamukazi kugirango agire nawe umuhate mu gukurikiza uburyo intumwa y'Imana yajyaga isenga, Ibyo bikaba bishimangirwa n'imvugo y'intumwa y'Imana igira iti **: (( MUJYE MUSENGA NKUKO MWAMBONYE NSENGA[1] ))** Yakiriwe na Al Bukhary ,

Ku musomyi agomba gusobanukirwa :

**1 – GUTAWAZA NKUKO BIKWIYE,** Agatawaza nkuko Imana yabimutegetse ashyira mu bikorwa imvugo y'Imana aho igira iti : **(( YEMWE ABEMEYE IMANA MU GIHE MUHAGURUKIYE GUKORA AMASENGESHO MUJYE MUKARABA UBURANGA BWANYU N'AMABOKO YANYU MUGEZE KU NKOKORA KANDI MUNAHANAGURE HAMWE MU MUTWE HANYU , MUNAKARABE IBIRENGE BYANYU KUGEZA KU TUBUMBANKORE[2])).**

N'imvugo y'Intumwa y'Imana Muhammad(Imana imuhe amahoro n'imigisha) igira iti : **(( NTA SENGESHO RYEMERWA MU GIHE NTA SUKU))**[3]

N'indi mvugo y'Intumwa y'Imana Muhammadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) kuri wa wundi utaratunganyije isengesho rye neza : **(( NUSHAKA GUSENGA JYA UBANZA UTUNGAYE NEZA ISUKU[4]..... )).**

**2 –** Usenga agomba kwerekera Qiblat aho yaba ari hose n'umubiri we wose akawerekeza Qiblat agambiriye gukora isengesho ashaka ryaba ari isengesho ry'itegeko cyangwa se ry'umugereka , kandi umugambi ntabwo awuvugisha ururimi ngo atomore kubera ko umugambi , ntaho biri kurangurura ijwi kuko Intumwa y'Imana Muhammadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) n'Abasangirangendo be ntibigeze barangurura ijwi , Ikindi na none ni ugushyira imbere ye agakingirizo kamukingira mu gihe ari Imamu cyangwa se ari gusali ari wenyine, Kwerekera Qiblat nabyo biri mu mategeko n'amabwiriza arebana n'isengesho keretse hamwe na hamwe hagiye hagaragazwa n'abamenyi b'idini.

**3** – Akuza Imana avuga **TAKBIRATU AL IH'RAMI** Ariyo **ALLAHU AK'BARU** akayivuga amaso ye ayarebesha aho araza kubamira.

**4** – Azamura amaboko ye mu gihe akoze iyo **TAK'BIR** aribyo bisobanuye gukuza Imana akayaringaniza n'intugu ze cyangwa se n'amatwi ye.

**5** - Ashyira amaboko ye ku gituza cye ku buryo ukuboko kwe kw'iburyo kujya hejuru y'ukw'ibumoso kubera ko bishimangirwa n'Intumwa y'Imana Muhammadi ( Imana imuhe amahoro n'imigisha ).

---

[1] Yakiriwe na Al Bukhariy mu muryango w'Umuhamagaro nomero 595, na Addarimiy mu muryango w'Isengesho nomero 1225

[2] Qoran igice cya 5 umurongo wa 6

[3] Yakiriwe na Muslim mu muryango w'isuku(Twahara) nomero 329, na Tirmidhiy mu muryango w'isuku (Twahara) nomero 1

[4] Yakiriwe na Al Bukhariy mu muryango Gusaba uruhushya(Al Isti'idhanu) nomero 5782 na Indahiro no kugambirira( Al Aymanu wa Nudhuru ) nomero 6174 ,na Abu Dawudi mu muryango w'Isengesho nomero 730, na Ibun Madjah mu muryango w'Isuku n'Imigereka nomero 441

**6** – Biri mu migenzo y'Intumwa y'Imana Muhammadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha ) gusoma ubusabe buzwi ku izina ry'urufunguzo rw'isengesho aribwo : **ALLAHUMA BAA –ID BAY'NI WA BAY'NA KHATWAYAAYA KAMA YUNAQA ATHAW'BUL AB'YADWU MINA ADDANASI , ALLAHUMA AGH'SIL'NIY MIN KHATWAYAAYA BIL MAA- I WA THAL'DJI WAL BARADI....**

Iyo ashatse avuga ubundi busabe butari ubwo, bugira buti : **SUB'HANAKA ALLAHUMA WA BIHAM'DIKA WA TABAARAKA S'MUKA WA TAALA DJADDUKA WA LA ILAHA GHAY'RUKA.**

Kandi aramutse avuze urundi rufunguzo rw'isengesho rwakoreshejwe n'Intumwa y'Imana Muhammadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) nta kibazo, ibyiza ni uko yakoresha uru rufunguzo rw'isengesho maze ubutaha agakoresha urundi kubera ko ibyo ni bimwe mu bigaragaza gukurikiza imigenzo y'Intumwa y'Imana Muhammadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha )

Iyo arangije kuvuga urufunguzo rw'isengesho yikinga ku Mana avuga ati : **AUDHU BILAHI MINA SHAY'TWANI RADJIIMI, BIS'MI LAHI RAH'MANI RAHIIMI ,** Agasoma Suratu Al Fatiha kuko Intumwa y'Imana Muhammadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha )yaravuze iti : **((ISENGESHO NTIRYEMERWA KURI WA WUNDI UTASOMYE SURATU AL FATIHA**[5] **)) .**

Nyuma ya Suratu Al Fatiha aravuga ngo **AMEEN** akabivuga arangurura ijwi mu gihe ari gusali isengesho rirangururwamo ijwi , yarangiza agasoma bimwe mu bice bya Qoran ( Amasura ).

**7** - Akunama avuga ngo **ALLAHU AK'BARU** amaboko yayaringanije n'intugu ze cyangwa se amatwi maze akarambura umugongo we bigendanye n'umutwe agashyira ibiganza bye ku mavi kandi agatuza mu gihe yunamye akavuga ati :

**SUB'HANA RABIYAL ADHWIIMI** , Ibyiza kurushaho ni uko iri jambo arisubiramo inshuro eshatu cyangwa se zirenga kandi biri mu migenzo y'Intumwa y'Imana Muhammadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ko ahita anavuga ngo : **SUB'HANAKA ALLAHUMA RABBANA WA BIHAM'DIKA , ALLAHUMA GH'FIR LIY.**

**8** – Azamura umutwe we ava mu kunama akavayo azamuye amaboko ye ayaringanije n'intugu ze cyangwa se n'amatwi ye akavuga ati : **SAMIA LLAHU LIMAN HAM'DAHU** , Iyo ayoboye abandi mu isengesho cyangwa se ari gusenga wenyine , maze akavuga mu gihe ahagaze **: RABBANA WA LAKAL HAM'DU HAM'DAN KATHIIRAN TWAYIBAN MUBARAKAN FIHI MIL'U SAMAWATI WA MIL'UL AR'DWI WA MIL'U MA BAY'NAHUMA WA MIL'U MA SHI-ITA MIN SHAY'IN BAAD.**

Naho mu gihe ayobowe mu isengesho mu gihe yunamutse aravuga atai : **RABBANA WA LAKAL HAM'DU** Akayirangiza yose nkuko yavuzwe haruguru.

Kandi biri mu migenzo y'Intumwa Muhammadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ko ari uyoboye isengesho n'uyobowe mu isengesho ko bashyira amaboko yabo ku gituza nkuko yabikoze atangira isengesho mbere yo kunama ajya ku mavi nkuko byashimangiwe n'Intumwa y'Imana Muhammadi (Imana imuhe

[5] Yakiriwe na Al Bukhariy mu muryango w'Umuhamagaro nomero 714 , na Muslimu mu muryango w'Isengesho nomero 595 , na Tirmidhiy mu muryango w'Isengesho nomero 230, na An nasa-I mu muryango w'Urufunguzo ( Al If'titah) nomero 901

amahoro n’imigisha) mu mvugo yaturutse ku witwa **WAA-IL** mwene **HADJARI** na **SAH’LI** mwene **SAADI** ( Imana ibishimire bombi ).

**9** – Akubama avuga **ALLAHU AK’BARU** akabanza amavi mu gihe bimworoheye naho byamugora akabanza amaboko mbere y’amavi, intoki n’amano y’ibirenge abyerekeje Qiblat yegeranyije intoki ze akubama ku bice birindwi by’umubiri we aribyo : Uruhanga n’izuru, ibiganza byombi, amavi yombi, n’imitwe y’amano y’ibirenge maze akavuga ati : **SUB’HANA RABIYAL AALAA** , Akabivuga inshuro eshatu cyangwa akarenza, B iri mu migenzo y’Intumwa Muhammadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha) kuba yavuga ati :

**SUB’HANAKA ALLAHUMA RABBANA WA BIHAM’DIKA ALLAHUMA GH’FIR LIY ,** Akanasoma ubusabe bwinshi bunyuranye, Nkuko byashimangiwe n’Intumwa y’Imana Muhammadi (Imana imuhe amahoro n’Imigisha) aho avuga ati :

**(( NAHO MU KUNAMA MUJYE MUKUZAMO UMUREZI NYAGASANI NAHO MU KUBAMA MUJYE MUSHISHIKARIRA MU BUSABE BWINSHI ALLAHU YABAKIRIRA UBUSABE BWANYU[6])).**

Agasaba Imana ibyiza by’isi n’ibyo ku munsi w’imperuka yaba ari mu isengesho ry’itegeko cyangwa se ry’umugereka maze akubama ku buryo inda irekurana n’amatako ye ndetse n’amatako akarekurana na ruseke , amano y’ ibirenge bye akayashinga hasi , Nkuko biri mu mvugo y’Intumwa y’Imana igira iti : **(( MUJYE MURINGANIRA MU GIHE MWUBAMYE KANDI UMWE MURI MWE NTAKICARE NKUKO IMBWA IBWATARARA[7] )) .**

**10** – Arubamuka akavuga ati : **ALLAHU AK’BARU** akarambura ikirenge cye cy’ibumoso akakicaraho maze agashinga ikirenge cye cy’iburyo akanashyira ibiganza bye byombi ku bibero hateganye n’amavi bye yarangiza akavuga ati : **RABBI GH’FIR LIY WAR’HAM’NIY WAH’DINIY WAR’ZUQ’NIY WA AAFINIY WADJ’BUR’NIY** . Maze akicara atuje.

**11** – Yubama ukubama kwa Kabiri akabigenza nkuko yabigenje mu kubama kwa mbere.

**12** – Arubamuka akavuga ati : **ALLAHU AK’BARU** akicara ukwicara kugufi kutarambiranye nko kwicara hagati yo kubama kubiri uku kubama ni ukw’akaruhuko kandi ni bimwe mu migenzo y’Intumwa y’Imana Muhammadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha) kandi nubwo atabikora nta kibazo nanone kandi nta bundi busabe bukorwa, yarangiza agahaguruka afashe ku mavi ye mu gihe bimworoheye byamugora agahaguruka afashe hasi kugirango akomeze igice cya kabiri , maze agasoma Suratu Al Fatiha nabimwe mu bice bya Qoran cyangwa imwe mu mirongo ya Qor’ani nyuma ya Suratu Al Fatiha maze akabigenza nkuko yabigenje mu gice cya mbere.

**13** – Mu gihe isengesho rigizwe n’ibice bibiri ( Rakaa ebyiri ) Nk’isengesho ryo mu museke ( Al Fadj’ri ) , Isengesho ry’uwa gatanu ( Idjuma ), n’Isengesho ry’Ilayidi icyo gihe yicara nyuma yo kubamuka ava mu kubama kwa kabiri yashinze amano

---

[6] Yakiriwe na Muslimu mu muryango w’Isengesho nomero 738 , na Abu Dawudi mu muryango w’Isengesho nomero 742, na Ahmadu mu muryango wa Mus’nadu al ashara al mubasharina bil djanati nomero 1260 na Mus’nadu Baniy Hashim nomero 1801

[7] Yakiriwe na Al Bukhariy mu muryango w’Umuhamagaro nomero 779 , na Muslimu mu muryango w’Isengesho nomero 762, na Annasa-I mu muryango wa Atat’biq nomero 1098

y'ikirenge cye cy'iburyo yicariye ikirenge cy'ibumoso yashize ukuboko kwe kw'iburyo hejuru y'ikibero yafunze igipfunsi urutoki twe rwa mukuru wa meme yarurambuye arirwo ari gukoresha mu guhamya ko Imana ari imwe , noneho akanashyira ukuboko kwe kw'ibumoso ku kibero cy'ibumoso maze agasoma ubuhamya mu gihe yicaye agira ati : **ATAHIYATU LILAHI WA SWALAWATU WA TWAYIBATU , ASSALAMU ALAY'KA AYUHA NABIYU WA RAH'MATU LLAHI WA BARAKATUHU, ASSALAMU ALAY'NA WA ALAA IBADILAHI SWALIHINA , ASH'HADU AN LA ILAAHA ILA LLAHU WA ASH'HADU ANNA MUHAMMADAN AB'DUHU WA RASULUHU .**

Nyuma akavuga ati: **ALLAHUMA SWALI ALAA MUHAMMADIN WA ALAA AALI MUHAMMADIN KAMA SWALAY'TA ALAA IB'RAHIMA WA ALAA AALI IB'RAHIMA INNAKA HAMIDUN MADJIIDUN, WA BAARIK ALAA MUHAMMADIN WA ALAA AALI MUHAMMADIN KAMA BAARAK'TA ALAA IB'RAHIMA WA ALAA AALI IB'RAHIMMA INNAKA HAMIIDUN MADJIIDUN.**

Yarangiza akikinga ibintu bine ku Mana akavuga ati : **ALLAHUMA INNI AUDHU BIKA MIN ADHABI DJAHANNAMA WA MIN ADHABIL QAB'RI WA MIN FIT'NATIL MAH'YA WAL MAMAATI WA MIN FIT'NATI MASIIHI DADJAALI.**

Yarangiza agasaba mu busabe ashatse asaba mu byiza by'isi n'iby'imperuka kabone n'ubwo yasabira ababyeyi be cyangwa n'abandi nta kibazo, byaba ari mu isengesho ry'itegeko cyangwa se ry'umugereka biturutse ku mvugo y'Intumwa y'Imana Muhammadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaturutse kuri Mwene Masuudi mu gihe yamwigishaga uburyo bwo kuvuga Ubuhamya aragira iti : **(( HANYUMA AHITEMO UBUSABE AKUNZE YUMVA ASHAKA ABUSABE[8] ))**

No mu yindi mvugo : **(( HANYUMA AHITEMO NYUMA YO GUSABA UBUNDI BUSABE ASHATSE[9] )) .**

Ibi byose bikubiyemo ibyagirira akamaro umugaragu w'Imana ku isi no ku munsi w'imperuka, yarangiza agasuhuza mu ndamutso agahindukira areba iburyo agakurikizaho ibumoso bwe avuga ati : **ASSALAMU ALAY'KUM WA RAH'MATULLAHI, ASSALAMU ALAY'KUM WA RAH'MATULLAHI.**

**14** – Naho mu gihe isengesho rigizwe n'ibice bitatu ( Rakaa eshatu ) nk'isengesho rya nimugoroba ( Maghrib ) cyangwa se isengesho rigizwe n'ibice bine ( Rakaa enye ) nk'irya Adhuhuri) , Al Asri na Al Isha-i , icyo gihe asoma Ubuhamya bwavuzwe haruguru no Gusabira Intumwa Muhammadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yarangiza agahaguruka afashe ku mavi akazamura amaboko ye akayaringaniza n'intugu ze avuga ati : **ALLAHU AK'BARU** agashyira amaboko ye ku gituza nkuko twabibonye agasoma Suratu Al Fatiha gusa , ariko aramutse asomye ku gice cya gatatu n'icya kane kuri Dhuhuri ibindi nta kibazo, nkuko byashimangiwe n'Intumwa y'Imana Muhammadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha ) mu mvugo yaturutse kuri ABI SAEED ( Imana imwishimire ), : **MU BY'UKURI KUBA WAREKA GUSABIRA INTUMWA Y'IMANA MUHAMMADI (Imana imuhe amahoro n'imigisha) NYUMA Y'UBUHAMYA**

---

[8] Yakiriwe na Annasa-i mu muryango wo Kwibagirwa ( Sah'wu ) nomero 1281, na Abu Dawudi mu muryango w'Isengesho nomero 825

[9] Yakiriwe na Muslimu mu muryango w'Isengesho nomero 609

**BWA MBERE NTA KIBAZO KUKO NI UMUGEREKA NTABWO ARI ITEGEKO KUMUSABIRA MU BUHAMYA BWA MBERE.**

Nyuma agakora ubundi buhamya ku gice cya gatatu ku isengesho rya maghrib ndetse n'ubuhamya ku gice cya kane ku isengesho rya Adhuhuri, Al As'ri ndetse na Al Isha-i nkuko byabonetse mu isengesho rigizwe n'ibice bibiri , agasuhuza areba iburyo bwe n'ibumoso bwe anasaba Imana imbabazi inshuro eshatu akavuga ati : **ALLAHUMA AN'TA SALAMU WA MIN'KA SALAMU TABAARAK'TA YA DHAL DJALAALI WAL IK'RAAMI, LAA ILAAHA ILA LLAHU WAH'DAHU LA SHARIIKA LAHU , LAHUL MUL'KU WA LAHUL HAM'DU WA HUWA ALAA KULI SHAY'IN QADIIR, LAA HAW'LA WA LAA QUWWATA ILA BILAHI, ALLAHUMMA LA MAANIA LIMA AATWAY'TA WA LAA MUUTWI LIMA MANAATA WA LAA YAN'FAU DHAL DJADI MIN'KAL DJADI , LAA ILAAHA ILA LLAHU WA LAA NAABUDU ILA IYYAHU LAHU NIIMATU WA LAHUL FADW'LU WA LAHU THANAA-UL HASANI, LAA ILAAHA ILA LLAHU MUKH'LISWINA LAHU DDINI WA LAWU KARIHAL KAFIRUUNA**, Yarangiza agasingiza Imana avuga ngo **SUB'HANALLAHI** inshuro mirongo itatu n'eshatu, Agasingiza Imana avuga ngo **AL HAM'DU LILAHI** Inshuro mirongo itatu n'eshatu, Agakuza Imana avuga ngo **ALLAHU AK'BARU** inshuro mirongo itatu n'eshatu,

Akavuga yuzuza inshuro ijana agira ati : **LAA ILAAHA ILA LLAHU WAH'DAHU LAA SHARIIKA LAHU LAHUL MUL'KU WA LAHIL HAMDU WA HUWA ALAA KULI SHAY'IN QADIIRUN , Yarangiza agasoma Ayatul Kur'siyi na QUL HUWA LLAHU AHADUN, na QUL AUDHU BI RABIL FALAQI, na QUL AUDHU BI RABI NASI**, Ibyo akabisoma nyuma ya buri sengesho ni byiza gukomeza kuvuga aya masura inshuro eshatu eshatu nyuma y'isengesho rya mu gitondo (Al Fadj'ri ) n'isengesho rya Al Maghrib kubera ko hari imvugo z'Intumwa y'Imana Muhammadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) zibigaragaza .

Uku gusingiza Imana ni bimwe mu migereka y'Intumwa y'Imana Muhammadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ntabwo ari itegeko kandi ni byiza kuri buri muyisilamu n'umuyisilamukazi gusenga ibice bine ( Rakaa enye ) z'imigereka mbere y'isengesho rya Adhuhuri na nyuma yayo agasenga ibice bibiri ( Rakaa ebyiri) , na Nyuma y'isengesho rya Maghrib ibice bibiri (Rakaa ebyiri ) na nyuma y'isengesho rya al isha-i ibice bibiri (Rakaa ebyiri) na mbere y'isengesho rya Al Fadj'ri ibice bibiri ( Rakaa ebyiri), ibyo bice byose bikaba cumi na bibiri , ibi

bice byitwa RAWAATIBU kuko Intumwa y'Imana Muhammadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yabihozagaho mu gihe yabaga atari mu rugendo.

Naho mu gihe yabaga ari ku rugendo ntiyajyaga abisenga keretse ibice bibiri bya mbere y'isengesho rya Al Fadj'ri na Wit'ri kuko Intumwa y'Imana Muhammadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha ) yayitagaho cyane mu gihe ari mu rugendo no mu gihe nta rugendo ariho, Ibyiza kandi ni uko aya masengesho y'imigereka na Wit'ri biba byiza iyo akorewe mu rugo ariko uwayakorera mu rugo nabwo nta kibazo bitewe n'imvugo y'Intumwa y'Imana Muhammadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) igira iti : **(( ISENGESHO RYIZA KU MUNTU NI IRYO AKOREYE IWE MU RUGO KERETSE ISENGESHO RY'ITEGEKO[10].))**

Guhozaho aya masengesho y'imigereka biri mu mpamvu yo kuzinjira mu

Ijuru , Nkuko byashimangiwe n'Intumwa y'Imana Muhammadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha )

Aho avuga ati : **(( UZASENGA IBICE CUMI NA BIBIRI KU MANYWA NA NIJORO MU GUSHAKA GUKURIKIZA UMUGENZO W'INTUMWA Y'IMANA MUHAMMADI ( Imana imuhe amahoro n'imigisha) UWO IMANA IZAMWUBAKIRA INZU MU IJURU[11].))** Yakiriwe na Muslim mu gitabo cye.

Mu gihe asenze ibice bine (Rakaa enye) mbere y'isengesho rya Al As'ri n'ibice bibiri mbere y'isengesho rya Maghrib , n'ibice bibiri mbere y'isengesho rya Isha-i ni byiza cyane kuko muri gihamya byagaragaye ko n'Intumwa Muhammadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yabikoze.

Mu gihe asenze ibice bine nyuma y'isengesho rya Adhuhuri n'ibice bine mbere y'ryo sengesho nabyo ni byiza kubera ko Intumwa y'Imana Muhammadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaravuze iti : **(( UZAHOZAHO IBICE BINE MBERE YA ADHUHURI N'IBICE BINE NYUMA YAYO UWO IMANA (ALLAH) IZAGIRA UMURIRO IKIZIRA KURI WE[12]))** Yakiriwe na Imamu Ah'madi n'abamenyi ba Hadithi mu ruhererekane rwiza biturutse kuri **UMMU HABIBA** ( Imana imwishimire ) .

---

[10] Yakiriwe na Al Bukhariy mu muryango w'Umuhamagaro nomero 689 Imvugo ni iye, na Muslimu mu muryango w'Isengesho ry'abari ku rugendo nomero 1301, na Tirmidhiy mu muryango w'Isengesho nomero 41

[11] Yakiriwe na Muslimu mu muryango w'Isengesho ry'abari ku rugendo nomero 1198 – 1199, na Abu Dawudi mu muryango w'Isengesho nomero 1059, na Annnasa-i mu muryango Qiyamu allayali wa tatwawuu nahari nomero 1773

[12] Yakiriwe na Tirmidhiy mu muryango w'Isengesho nomero 393 , na Abu Dawudi mu muryango w'Isengesho nomero 1077 , na Ah'mad mu muryango Baqi Mus'nadi Al Answar nomero 25547

Bisobanuye ko yongeraho ibindi bice bibiri (Rakaa ebyiri ) hejuru ya wa mugereka wundi wibice bibiri ( Rakaa ebyiri) za nyuma y'isengesho rya Adhuhuri kubera ko umugereka wahozwagaho n'Intumwa y'Imana Muhammadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) wabaga ugizwe n'ibice bine (Rakaa enye) mbere y'isengesho ry'itegeko hamwe n'ibice bibiri (Rakaa ebyiri) nyuma yayo.

Yakongeraho ibindi bice bibiri byashoboka nkuko twabisanze mu mvugo ya **UMMU HABIBA** ( Imana imwishimire ).

Imana niyo Nyir'ubutungane, Amahoro n'imigisha byayo bisakare ku Ntumwa yacu Muhammad mwene Abdillahi n'ab'iwe n'abasangirangendo be n'abamukurikiye mu byiza kuzageza ku munsi w'imperuka.

**UKURIYE IBIRO BY'UBUSHAKASHATSI MU BUMENYI N'IMYANZURO Y'IBISUBIZO , IBWIRIZABUTUMWA NO KUYOBORA.**

**ABDUL AZIZ IBUN ABDULLAHI IBUN BAZ**

**CYAHINDUWE MU KINYARWANDA**
**NA**
**SHEIKH HAKIZIMANA HASSAN**

**USHINZWE IBWIRIZABUTUMWA KURI RADIYO VOICE OF AFRICA AKABA NA IMAMU W'UMUSIGITI WA AL FAT'H ( ONATRACOM )**

KIGALI / RWANDA